A Ubuhamya bwa Yohana Umubatiza:

❖ **Kwerekana Mesiya. Yohana 1:19–23.**

— Inama Nkuru yohereje intumwa zo kubaza Yohana niba yiyumva nka Mesiya, ari We Kristo (Yohana 1:19). Ariko Yohana ntiyari Mesiya. Yari afite ubutumwa bwihariye: gutegurira abantu kwakira Mesiya nyakuri (Yohana 1:22–23).

— Yohana yahamije ko Kristo amuruta:

(1) Yohana yiyumvaga nk'umugaragu udakwiriye w'Uwabayeho mbere ye (Yohana 1:27).

(2) Yohana yabatirishaga amazi, Kristo We yajyaga kubikora akoresheje Umwuka (Yohana 1:33)

(3) Kristo ni Umwana w'Imana, Yohana yabigaragaje atyo (Yohana 1:34)

❖ **Kwerekana Ntama w'Imana. Yohana 1:29–37.**

— Yohana Umubatiza yakomokaga mu batambyi kandi yari asobanukiwe neza umurimo wa Mesiya. Kuri we, Kristo ntiyari ubohora ishyanga, ahubwo Uwo Yesaya yavuzeho ati "Amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga" (Yesaya 53:7).

— Ni kangahe Yohana yatūye ibyaha bye ashyira ikiganza cye ku ntama hanyuma akayitamba? Igihe cyose yabikoraga, yatekerezaga Uwajyaga kwikorera ibyaha bye akabapfira.

— Abihishuriwe n'Imana, yamenye ko Yesu ari Umwana w'Intama wari utegerejwe (Yohana 1:31–33). Kandi koko, ntiyabicecetse. Yatangarije abantu bose uwo Kristo ari We, n'umurimo We nk'Umwana w'Intama w'Imana (Yohana 1:29).

— Aya magambo aduha umucyo ku busobanuro bwa gahunda y'ibitambo Imana yategetse Isirayeli. Mu maraso yamenetse y'umwana w'Intama w'Imana harimo imbaraga zo guhanagura ibyaha byose byicujijwe.

B Ubuhamya bw'abigishwa ba mbere:

❖ **Gukurikira Mesiya. Yohana 1:35–39.**

— Ni bande bigishwa babiri ba mbere bakurikiye Yesu (Yohana 1:35–37)? Yohana amenyekanisha umwe gusa, ari we Andereya, agatsinda izina ry'undi, we ubwe (Yohana 1:40).

— Uko biri, bakurikiye Yesu mu bigaragara. Ni ukuvuga, bamugenda inyuma mu gahe runaka, kugeza igihe Yesu ubwe ahindukiye akabavugisha (Yohana 1:38).

— Ikibazo Yesu yabajije – Murashaka iki? – cyababashishije kwerekana ibyo bamutezeho. Ari wowe wari gusubiza iki? Kuki ukurikira Yesu?

— Abo bigishwa bombi bari bamaze kwemera Yesu nka Mesiya. Ubu noneho bashakaga gusa kubana na We. Bashakaga kugumana na We, kumva inyigisho Ze, kunywera ku isōko y'ubwenge Bwe.

— Andereya yishimiye kubona Mesiya, maze azanira Yesu umuvandimwe we Simoni. Yesu yerekanye ko yari azi neza umutima wa Simoni Petero n'imiterere ye (Yohana 1:40–42).

❖ **Kuyobora abandi kuri Mesiya. Yohana 1:43–51.**

— Umwigishwa wa gatatu wakurikiye Yesu yahamagawe na We ubwe: Filipo (Yohana 1:43–44).

— Kimwe na Andereya, Filipo yiyumvaga ko agomba kuyobora abandi kuri Yesu. Mu buryo butandukanye na Andereya, Filipo ntiyagaragaje mu buryo butaziguye ko Yesu ari Mesiya, ahubwo amwerekana nk'uwahanuwe na Mose n'ababanuzi, bityo arekera Natanayeli (Barutolomayo) kwifatira umwanzuro (Yohana 1:45). Kuri Natanayeli, Yesu ntiyari yujuje ibyo Natanayeli yari yiteze kuri Mesiya.

— Yavukiye i Nazareti, ahantu hazwi nabi? Ntabwo Filipo yagiye mu mpaka. Ntabwo cyari ikibazo cy'amahame. Yajyaga kwemezwa gusa no kubona Yesu (Yohana 1:46).

— Natanayeli, ari munsi y'igiti cy'umutini, yari yasengeye kuzibonanira na Kristo wahanuwe na Yohana (E.G. White, *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 84) . Igihe Yesu yamubwiraga ati "nakubonye," gushidikanya kose kwarayoyotse (Yohana 1:47–49).

C Ubuhamya bwa Nikodemo:

❖ **Kumenya Mesiya. Yohana 3:1–21.**

— Nikodemo, Umufarisayo akaba n'umwe mu bari bagize Inama Nkuru y'Abayuda, yatangajwe n'ibitangaza bya Yesu. Yizeye adashidikanya ko Yesu yari umuhanuzi ukomeye woherejwe n'Imana… ariko atari Mesiya (Yohana 3:1–2).

— Yesu yahuye nawe amwereka icyo akeneye kurusha ibindi byose (no kuri twe ubwacu): umutima uhindutse (Yohana 3:3–5).

— Nubwo Nikodemo yagerageje kwirinda ikibazo, yakiriye inyigisho za Yesu zisumba izindi zose zerekeye ubutumwa Bwe nka Mesiya, maze yumva amagambo ahebuje ayandi yose yigeze kuvugwa (Yohana 3:16).

— Yaranahwituwe gato, ubwo Yesu yashakaga gukingurira intekerezo ze kwakira ukuri (Yohana 3:9–12).

— Buhoro buhoro, Nikodemo yamenye Mesiya, kugeza ubwo amwakiriye ku mugaragaro ari munsi y'umusaraba (Yohana 7:50–51; 19:39).